**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUHINZI N'UBWOROZI**

**MINISTRY OF AGRICULTURE AND ANIMAL RESOURCES**

**IBIRO BYA MINISITIRI**

---

## AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUHINZI N'UBWOROZI N°0003./2016 YO KU WA1../07/2016 YEREKERANYE N'ITANGWA RY'INYONGERAMUSARURO Z'UBUHINZI (IFUMBIRE MVARUGANDA N'IMBUTO Z'INDOBANURE) HARIMO NKUNGANIRE YA LETA MU BIHEMBWE BY'IHINGA BYA 2017A&B

---

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;**

Ashingiye kuri Politiki ya Leta irebana no kongera umusaruro w'ubuhinzi mu bwinshi no mu bwiza hakoreshwa inyongeramusaruro, kugira ngo hashobore kubona ibitunga abanyarwanda kandi tunasagurire amasoko;

Ashingiye kuri Gahunda y'Igihugu y'Imbaturabukungu mu cyiciro cyayo cya kabiri (EDPRS2);

Ashingiye kuri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi nk'uko yatangajwe mu Nteko Inshinga Amategeko ku wa 1 Ugushyingo 2011;

Ashingiye kuri Politiki y'Igihugu yo gushishikariza abahinzi guhinga ibihingwa bibafitiye akamaro kurusha ibindi bitewe n'Akarere ndetse n'imiterere y'ubutaka bahingaho;

Amaze kubona ko nyuma y'imyaka 9 hatangijwe Gahunda y'Imbaturabukungu mu buhinzi (Crop Intensification Programme - CIP) abahinzi bagezwaho ifumbire kuri "Nkunganire"; abenshi bakaba bamaze kubona ko iyo bakoresheje ifumbire bibageza ku musaruro mwinshi;

Nanone, amaze kubona ko mu myaka 8 ya mbere ya Gahunda y'Imbaturabukungu mu buhinzi (CIP), abahinzi baragejejweho imbuto y'indobanure y'ibigori, ingano na soya ku buntu, na nyuma yo kugabanya uruhare rwa Nkunganire itangwa na Leta rukava kuri 100% rukagera kuri 75% ku kiguzi cy'imbuto, abenshi bakaba bamaze kubona ko iyo bakoresheje imbuto nziza n'ifumbire, babona umusaruro mwinshi kandi ushimishije; abahinzi benshi cyane cyane abibumbiye mu matsinda y'abahinzi cyangwa amakoperative basaba MINAGRI gukomeza kubegereza izo mbuto kandi berekana ko bashobora gukomeza kwishyura uruhare rwabo.
Aya mabwiriza ashyiraho umurongo ngenderwaho mu itangwa n'ikwirakwizwa ry'ifumbire mvaruganda n'imbuto z'indobanure zunganirwa na Leta, abahinzi babigizemo uruhare;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

1. Ibigo by'Abikorera umunani (8) bifitanye amasezerano n'Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) muri uyu mwaka w'ubuhinzi mu bihembwe by'ihinga bya 2017 A & B nibyo byonyine byemerewe gutumiza no kugeza ifumbire mvaruganda ku gihe mu Gihugu muri gahunda ya NKUNGANIRE ya Leta. Bakaba bemerewe gucuruza binyuze kuri Agro-Processing Trust Corporation Ltd (APTC) ariyo igeza izi Nyongeramusaruro zunganiwe ku bahinzi mu Turere twose tw'Igihugu.

2. Urutonde rw'ibigo bifitanye amasezerano na RAB yo gutumiza ifumbire mvaruganda hanze y'igihugu muri Gahunda ya Nkunganire ni uru rukurikira:

| N$^{O}$ | Izina ry'ikigo | Telefoni | Email |
|---|---|---|---|
| 1 | World Business Alliance (WBA) | +250782329537 | info@wba.rw |
| 2 | ETS Nkubili Alfred (ENAS) | +250788300760/788301967 | alfrednkubili@yahoo.fr |
| 3 | Export Trading Group (ETG) | +250782899556 | santosh.shukla@etgworld.com |
| 4 | Murenzi Supply Company | +250788300759 | murenzisupplycompany@yahoo.fr |
| 5 | Koperative y'Abacuruzi b'Inyongeramusaruro Nyabihu (KO.A.I.NYA) | +250788995268 | koainya2017@gmail.com |
| 6 | Cooperative pour la promotion du commerce des intrants agricoles de Rubavu (COOPCIAR) | +250788767333 | hsansmentir@yahoo.com |
| 7 | YARA Limited | +250788303702/735518740 | peter.ngugi@yara.com |
| 8 | TUBURA One Acre Fund | +250788741343/786561265 | info.rwanda@oneacrefund.org |

3. Guhera mu Gihembwe cy'ihinga cya 2017A&B, abahinzi bazagura ifumbire mvaruganda ku bacuruzi b'ifumbire bo mu Tugari ( APTC Agrodealers) ku giciro cyiza harimo Nkunganire ya Leta ku buryo bukurikira dushingiye ku ntungagihingwa (Nutrients) zigize buri fumbire:

**Imbonerahamwe y'ubwoko bw'ifumbire, ibiciro ntarengwa *byo hejuru (Ceiling Prices)* hatarimo Nkunganire, agaciro k'ubwunganizi bwa Leta kuri buri Kilo cy'ifumbire n'igiciro ku muhinzi Leta imaze kumwunganira:**

| N° | Ubwoko bw'ifumbire | Igiciro hatarimo nkunganire (100%) (frw /1kg) | Nkunganire ya Leta (frw/1kg) | Igiciro ntarengwa ku muhinzi (frw/1kg) |
|---|---|---|---|---|
| **Icyiciro cya mbere: "Macro Fertilizers"** | | | | |
| 1 | UREA | 507 | 152 | 355 |
| 2 | DAP | 630 | 220 | 410 |
| 3 | NPK 17:17:17 | 613 | 92 | 520 |
| 4 | TSP | 590 | 110 | 480 |
| 5 | KCL/MOP | 520 | 130 | 390 |
| **Icyiciro cya kabiri : "Micronutrients"** | | | | |
| 6 | Ammonium Sulfate | 400 | 115 | 285 |
| 7 | Borax Penta-Hydrate | 1,045 | 525 | 525 |
| 8 | Zinc Sulfate Mono-Hydrate | 905 | 435 | 470 |
| 9 | Copper Sulfate | 2,170 | 1,085 | 1,085 |
| **Icyiciro cya gatatu: " Compounds/Blends"** | | | | |
| 10 | Urea + Sulfur (40N+5.5S) | 615 | 125 | 490 |
| 11 | NPK 23-10-5 + S, Z, Mg | 630 | 120 | 510 |
| 12 | NPK 15-9-20 + S, B, Zn, Mg, Mn | 750 | 130 | 620 |
| 13 | 15 N +25.6% CaO + B, | 680 | 40 | 640 |
| 14 | NPK 5-7-5-5 + B, Zn, Cu, Mg, Fe, Mn, Mo | 7,450 | 315 | 7,135 |

4. Abacuruzi b'ifumbire bashobora kugabanyiriza ibiciro abahinzi kugirango bagure ifumbire ku giciro gito, ariko ntabwo bemerewe kuzamura kurenza ibiciro ntarengwa byashyizweho. Byose bigakorwa hubahirijwe ubuziranenge bw'ifumbire ikenewe.
5. Ifumbire zunganirwa ku buryo bukurikira: DAP 35%, UREA 30%, NPK $_{17.17.17}$ 15%, KCL na TSP zunganirwa hagati ya 18% na 36%, Izo mu cyiciro cya kabiri (Micronutrients) zikunganirwa 50% naho izo mu cyiciro cya gatatu (NPK Compounds/Blends) zikunganirwa hagati ya 5% na 20%. Nkunganire kuri buri bwoko bw'ifumbire ishingira ku ntungagihingwa gifite z'ibanze zikenewe mu butaka bw'u Rwanda.

6. Ibihingwa Leta izunganira mu bihembwe by'Ihinga bya 2017 A na 2017B ni ibi bikurikira: **ibigori, ibishyimbo, ingano, soya, umuceri, ibirayi, imyumbati, urutoki, imboga n'imbuto** (*fruits*). Abahinzi bunganirwa binyuze mu matsinda ya Twigire Muhinzi kandi abahinzi bose barasabwa kuba muri iyo gahunda.

7. Ibigo bitatu (Seed Companies) bifitanye amasezerano na RAB muri uyu mwaka w'ubuhinzi nibyo byonyine byemerewe gutumiza hanze y'Igihugu imbuto y'ibihingwa igaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| Izina ry'Ikigo | Aho kibarizwa | Igihingwa | Ubwoko |
|---|---|---|---|
| Kenya Seed Company | P. O. Box 6312 Kigali<br>Tel: +250 786870213<br>Email :james.osore@yahoo.com | Ibigori | H629, H628, DH04 |
| | | Ingano | KS Njoro, KS Chozi |
| Seed Co International | P. O. Box 525 Kigali<br>Tel: +250 787318642<br>Email: kasaijab@seedco.co.rw/ kasaija.banage@gmail.com | Ibigori | SC403, SC513, SC637, SC719 |
| | | Soya | Sequel, Squire, Safari |
| Murphy Chemical/ Pannar | P. O. Box 598 Kigali<br>Tel: +250 788305462/ 788480403<br>Email: omugire@yahoo.com | Ibigori | PAN691, PAN4M21, PAN53, PAN67 |

8. Mu rwego rwa Gahunda y'imbaturabukungu mu buhinzi (Crop Intensification Program), Ikigo Gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) kigurisha imbuto ituburirwa kandi igatunganyirizwa mu Gihugu ikurikira:

| Ikigo | Aderesi | Ibihingwa | Amako y'ibihingwa |
|---|---|---|---|
| RAB | P. O. Box 621 Kigali<br>Tel: 4675<br>Email:info@rab.gov.rw | Ibigori | ZM607, Pool 9A, M101, M103 |
| | | Ingano | Musama, EN161, EN 48 |
| | | Soya | Peka 6, SB24 |

9. Mu bihembwe by'ihinga cya 2017A&B, abahinzi bazagura imbuto nziza z'indobanure z'ibigori, Soya n'ingano hafi yabo ku bacuruzi b'inyongeramusaruro bo mu Tugari (APTC Agrodealers) ku giciro cyiza harimo ubwunganizi bwa Leta (Nkunganire) ku kigereranyo cya 75% kugeza kuri 85% by'ikiguzi cy'imbuto za hybrid y'ibigori n'ingano zatumijwe hanze, no ku kigereranyo cya 85% ku mbuto ya soya yatumijwe hanze na 66% ku mbuto yatunganirijwe mu Gihugu. Ku mbuto za OPV z'ibigori n'ingano, Nkunganire iri ku rugero rwa 58-59% by'ikiguzi cy'imbuto.

**Imbonerahamwe y'ubwoko bw'imbuto z'indobanure, ibiciro byemejwe bitarimo Nkunganire ya Leta n'ibiciro birimo Nkunganire ya Leta:**

a) **Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) y'ibigori ya Hybrid iterwa mu misozi miremire ni ibi bikurikira:**

| Ubwoko (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Uruhare rwa Leta/ Nkunganire (Subsidy value: 75%) | Igiciro "Distributor" aguraho | Igiciro umuhinzi aguraho (Farmer's price: 25%) |
|---|---|---|---|---|
| H629 | 1,840 | 1,380 | 360 | 460 |
| H628 | 2,040 | 1,530 | 410 | 510 |
| PAN691 | 2,074 | 1,554 | 420 | 520 |
| SC719 | 1,960 | 1,470 | 390 | 490 |
| SC637 | 1,960 | 1,470 | 390 | 490 |

b) **Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) y'ibigori ya Hybrid iterwa mu misozi iringaniye no mu mibaya ni ibi bikurikira:**

| Ubwoko (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Uruhare rwa Leta/ Nkunganire (Subsidy value: 85%) | Igiciro "Distributor" aguraho | Igiciro umuhinzi aguraho (Farmer's price: 15%) |
|---|---|---|---|---|
| DH04 | 1,840 | 1,565 | 175 | 275 |
| PAN4M21 | 2,059 | 1,749 | 210 | 310 |
| PAN63 | 1,950 | 1,655 | 195 | 295 |
| PAN53 | 1,950 | 1,655 | 195 | 295 |
| PAN67 | 1,950 | 1,655 | 195 | 295 |
| SC403 | 1,855 | 1,565 | 190 | 290 |
| SC513 | 1,855 | 1,565 | 190 | 290 |

c) **Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) y'ibigori ya OPV ni ibi bikurikira:**

| Ubwoko (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Uruhare rwa Leta/ Nkunganire (Subsidy value: 58%) | Igiciro "Distributor" aguraho | Igiciro umuhinzi aguraho (Farmer's price: 42%) |
|---|---|---|---|---|
| Pool 9A | 700 | 405 | 205 | 295 |
| ZM607 | 700 | 405 | 205 | 295 |
| M101 | 700 | 405 | 205 | 295 |

d) **Igiciro cy'imbuto (RWF/1kg) ya Soya yatumijwe hanze y'igihugu ni ibi bikurikira:**

| Ubwoko (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Uruhare rwa Leta/ Nkunganire (Subsidy value: 85%) | Igiciro "Distributor" aguraho | Igiciro umuhinzi aguraho (Farmer's price: 15%) |
|---|---|---|---|---|
| SC Safari | 1,690 | 1,440 | 150 | 250 |
| SC Squire | 1,690 | 1,440 | 150 | 250 |
| SC Sequel | 1,690 | 1,440 | 150 | 250 |

e) **Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) ya soya yatunganyirijwe mu Gihugu ni ibi bikurikira:**

| Ubwoko (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Uruhare rwa Leta/ Nkunganire (Subsidy value: 66%) | Igiciro "Distributor" aguraho | Igiciro umuhinzi aguraho (Farmer's price: 34%) |
|---|---|---|---|---|
| Peka6 | 740 | 490 | 150 | 250 |
| SB24 | 740 | 490 | 150 | 250 |

f) **Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) y'ingano yatumijwe hanze y'Igihugu**

| Ubwoko (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Uruhare rwa Leta/ Nkunganire (Subsidy value: 75%) | Igiciro "Distributor" aguraho | Igiciro umuhinzi aguraho (Farmer's price: 25%) |
|---|---|---|---|---|
| KS Njoro | 1,036 | 776 | 160 | 260 |
| KS Chozi | 1,036 | 776 | 160 | 260 |

g) **Ibiciro by'imbuto (RWF/1kg) y'ingano yatunganyirijwe mu Gihugu:**

| Ubwoko (Variety) | Ikiguzi cy'imbuto yageze ku muhinzi (Total price) | Uruhare rwa Leta/ Nkunganire (Subsidy value: 59%) | Igiciro "Distributor" aguraho | Igiciro umuhinzi aguraho (Farmer's price: 41%) |
|---|---|---|---|---|
| Musama | 740 | 440 | 200 | 300 |
| EN 161 | 740 | 440 | 200 | 300 |
| EN48 | 740 | 440 | 200 | 300 |

Umuhinzi yishyura imbuto ku kiguzi nyacyo cyavanywemo Nkunganire itangwa na Leta. Ucuruza imbuto nta burenganzira afite bwo kuzamura ibiciro byashyizweho.

10. Ibi biciro ntarengwa byavuzwe haruguru bigomba kumanikwa ku miryango y'amangazini y'abacuruzi b'ifumbire n'imbuto bose, ku biro by'ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze no ku biro bya Koperative z'abahinzi n'ahandi hose hahurira abahinzi benshi.

11. Ibigo umunani byemerewe gutumiza, no kugeza ifumbire kuri APTC kimwe n'Ibigo bitatu byemerewe gutumiza, Kugura no gutunganya imbuto y'indobanure bikazicuruza binyuze kuri APTC ariyo ifite inshingano yo kuzigeza ku bahinzi. APTC igomba kugirana amasezerano yihariye y'imikoranire n'ibigo by'abikorera muri gahunda yo kuzana imbuto n'ifumbire.

12. Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto ahabwa inyandiko zabugenewe (formats) yandikaho amazina y'umuhinzi, nomero y'irangamuntu, ubuso azahingaho, ubwoko n'ingano y'ifumbire kimwe n'ubwoko n'ingano by'imbuto y'indobanure, n'amafaranga yishyuwe n'umuhinzi kandi umuhinzi agashyira umukono cyangwa igikumwe imbere y'ibyo aguze yunganiwe. Izo format zigomba kugaragaza nimero ya UPI cyangwa ikindi cy'imenyetso cy'uko umurima agurira ifumbire ari uwe cyangwa yawukodesheje. Umuhinzi yishyura uruhare rwe ku kiguzi cy'ifumbire n'imbuto mu buryo bwo gutanga "***cash***" cyangwa akishyura binyuze kuri konti y'umucuruzi w'ifumbire ukorera mu gace umuhinzi ahingamo. Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto azajya atanga ifumbire n'imbuto ashingiye kuri lisiti y'abahinzi bari mu matsinda ya **TWIGIRE MUHINZI.** Lisiti za Twigire Muhinzi zitegurwa n'umujyanama w'ubuhinzi (Farmer Promotor) zikemezwa n'uhagarariye APTC ku rwego rw'umudugudu, zikemezwa nanone n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari. Lisiti zanditsweho abaguze ifumbire itandukanwa na lisiti yanditseho uko abo bahinzi banaguze imbuto nziza; kandi izo lisiti zemezwa n'uhagarariye APTC ku rwego rw'umudugudu.

13. Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto agomba kugira ububiko (store) bwujuje ibyangombwa byose bisabwa harimo kuba hatemberamo umwuka uhagije n'udutanda (palettes) duterekwaho imifuka y'ifumbire kimwe n'iy'imbuto byose bikabikwa ku buryo bwujuje ubuziranenge.

14. Umucuruzi w'ifumbire n'imbuto , akurikije ingano y'ifumbire n'imbuto bikenewe mu gace ashinzwe, agomba kuba afite buri gihe nibura ifumbire n'imbuto y'ibanze mu bubiko bwe kugira ngo uko abahinzi baje babishaka babibone;

15. Ku bufatanye n'abahagariye APTC, Ubuyobozi bw'Umurenge n'Akagari burasabwa gukorana no gukurikiranira hafi uko ifumbire n'imbuto z'indobanure bicuruzwa mu Mirenge n'Utugari twabo; abatubahirije ibisabwa bagasimburwa ku bufatanye bwa APTC na RAB.

Abacuruzi b'inyongeramusaruro barasabwa kujya basinyisha ***Bordereau d'expedition/Delivery note*** bahawe na **Fertilizer *Importer*/Seed Company** ku Mirenge/Utugari bakoreramo zikagaruka kuri **Fertilizer *Importer*/Seed Company** yabagejejeho ifumbire/imbuto **bitarenze ibyumweru bibiri**. Barasabwa kandi gusinyisha urutonde rw'abahinzi bacurujeho ifumbire n'imbuto **buri kwezi** nazo zikaba zimeze neza. Igihe atubahirije ibi azajya yishyura ifumbire n'imbuto yakiriye ijana ku ijana (100%).

16. Uwemerewe gutumiza ifumbire cyangwa imbuto agomba guha inyemezabuguzi abashinzwe kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi akabaha na *"bordereau d'expedition/Delivery note"* iriho aho ubuyobozi bw'Umurenge bugomba gusinya bwemeza ko iyo fumbire/mbuto yageze muri uwo Murenge. Hashingiwe kuri ***"Delivery note"*** yemejwe n'Umurenge;
    - ***"Importer"*** w'ifumbire yishyurwa na RAB 60% y'agaciro ka Nkunganire iyo ifumbire igeze ku mucuruzi w'Inyongeramusaruro mu Murenge/Akagari, naho 40% ya nkunganire ku gaciro k'ifumbire yacurujwe kuri NKUNGANIRE ya Leta isigaye akazayishyurwa azanye inyandiko zose zerekana ko ifumbire yakiriwe n'abahinzi kandi byemejwe n'inzego z'ibanze, Umurenge n'Akagari na APTC.
    - Ikigo cy'imbuto cyishyurwa na RAB 40% y'agaciro ka Nkunganire iyo imbuto ziva mu mahanga zigeze mu Gihugu, akishyurwa 40% ya nkunganire ya kabiri imbuto zigeze ku mucuruzi wo mu Murenge/Akagari byemejwe n'Umurenge naho 20% ku gaciro k'imbuto yacurujwe kuri Nkunganire k'imbuto akayishyurwa hamaze kwerekanwa lisiti abahinzi baguriyeho imbuto;

    Abacuruzi b'inyongeramusaruro barasabwa gutunganya no kwihutisha inyandiko zabugenewe ku gihe.

17. Ubuyobozi bw'Umurenge/Akagari na ba IDPs b'Utugari basabwa gusura ububiko bw'umucuruzi w'ifumbire wakiriye ifumbire n'imbuto mu masaha 48 amaze kuyakira kugirango bemeze ingano y'ifumbire/ imbuto yoherejwe yageze mu Mirenge yabo. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge yemeza ingano y'ifumbire n'imbuto byageze mu Murenge mu masaha 72 nyuma y'uko bihagezwa (kwemeza ko ifumbire/ imbuto yahageze n'ingano yayo);

18. Abakozi ba RAB, aba APTC n'ab'Akarere bazajya basura buri mucuruzi w'ifumbire n'imbuto bakore ibarura ry'ifumbire n'imbuto afite mu bubiko banagenzure imicururize n'ubuziranenge bwabyo, ibi bigakorwa buri kwezi;

19. Kubera ko Ubuyobozi bw'Umurenge aribwo bukurikiranira hafi umunsi ku wundi imikoreshereze y'inyongeramusaruro, Ubuyobozi bw'Umurenge bwemerewe kubuza utumiza ifumbire cyangwa imbuto kuyigeza mu Murenge ku mpamvu zikurikira ku buryo bw'umwihariko: iyo hakekwa magendu y'ifumbire/ imbuto, iyo hakekwa kohereza ifumbire/ imbuto mu mahanga ku buryo bunyuranije n'amategeko, no kuba mu Murenge harimo

kugurishwa amafumbire menshi/ imbuto nyinshi kuruta ibikenewe mu bihingwa byatoranijwe byunganirwa na Leta;

20. RAB izishyura icyiciro cya nyuma cy'amafaranga ya NKUNGANIRE nyuma y'isuzuma n'iyemezwa ry'inyandiko zabugenewe, zizanywe n'ibigo bifitanye amasezerano na RAB yo gutumiza ifumbire/ imbuto; ariko zemejwe n'Ubuyobozi bw'Umurenge ifumbire n'imbuto byagejejwemo. Izo nyandiko zirimo lisiti y'abahinzi bemerewe kunganirwa yemejwe n'Ubuyobozi bw'Umudugudu n'Akagari n'uhagarariye APTC, lisiti y'abahinzi bafashe ifumbire n'imbuto yasinyweho n'abahinzi, umucuruzi w'ifumbire n'imbuto, ikanemezwa n'Ubuyobozi bw'Umurenge, impapuro zabugenewe zagejeje ifumbire n'imbuto mu Murenge kandi zemejwe na buri rwego; raporo y'isuzuma ry'ifumbire n'imbuto byakoreshejwe rikorwa buri munsi, raporo igatangwa buri cyumweru.

21. Umuntu wese uzafatwa anyereza cyangwa akoresha ifumbire cyangwa imbuto icyo zidateganirijwe azahanwa hakurikijwe amategeko kandi impande zose zisabwe kubahiriza ibiteganywa n'Itegeko N° 30/2012 ryo ku wa 01/08/2013 rigena imikoreshereze y'ifumbire mvaruganda n'imiti ikoreshwa mu buhinzi no mu bworozi.

Amabwiriza atangiye kubahirizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa 01/07/2016.

**Dr. Gerardine Mukeshimana**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**